REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°32/2018: **Taliki ya 11–20 Ugushyingo 2018**

Ryoherejwe kuwa 22 Ugushyingo 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu gice cya kabiri (taliki 11-20) Ugushyingo_2018; cyagaragaje imvura yabaye nke ku yari isanzwe igwa muri iyo minsi uretse uduce tumwe tw'Iburasirazuba, Amajyaruguru ndetse n'Uburengerazuba
- Imvura yaguye mu mataliki ya 11-20_Ugushyingo_2018 yabaye nkeya ugereranyije n'iyabonetse mu gice cyakibanjirije; akaba ari nayo mpamvu tubona ubutaka henshi mu gihugu budahehereye cyane nkuko mu gice cya mbere (taliki 01-10) Ugushyingo_2018 bigaragara
- **Mu gice cya gatatu (taliki 21-30) Ugushyingo_2018;** hateganijwe iminsi izarangwa n'imvura ndetse ikanakurikirwa n'iminsi y'imicyo mu mpera z'ukwezi ndetse no mu cyumweru cya mbere cy'Ukuboza_2018

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri 11-20_Ugushyingo_2018; cyagaragaje imvura yabaye nkeya ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi; aho dusanga igice kinini cy'igihugu ariho habonye imvura nke mu gihe ahabonetse imvura ihagije ari igice gito cy'Uburasirazuba, Amajyaruguru ndetse n'Uburengerazuba

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Ugushyingo_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro:

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Ugushyingo_2018	11-20_Ugushyingo
Kigali	6.8	42.6
Rusizi (Kamembe)	74.8	58.0
Rubavu (Gisenyi)	49.0	49.4
Nyamagabe (Gikongoro)	22.0	38.8
Ngoma (Kibungo)	18.1	44.9
Gicumbi (Byumba)	46.3	36.7
Busogo	43.3	50.2
Bugarama	56.9	62.6
Musanze (Ruhengeri)	5.4	52.7
Gitega	8.9	32.2
Rubengera	16.6	35.2
Byimana	16.5	40.5
Kawangire	55.7	51.0
Nyagatare	21.8	32.5

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20 Ugushyingo_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10 Ugushyingo_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Ugushyingo_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Ugushyingo



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ugushyingo_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ugushyingo



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Mataliki ya 11-20_Ugushyingo_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri 11-20_Ugushyingo_2018; cyagaragaje imvura yabaye nkeya ugereranyije n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi; aho dusanga igice kinini cy'igihugu (amajyepfo, mu gihugu hagati ndetse n'igice cy'uburasirazuba) ariho habonye imvura nke mu gihe ahabonetse imvura ihagije ari igice gito cy'uburasirazuba, amajyaruguru ndetse n'uburengerazuba (reba **Ikarita1&2** n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Ugushyingo; cyagaragaje imvura nyinshi mu majyepfo y'Uburasirazuba ikaba nke mu burengerazuba ugereranyije n'iyaguhye ahandi mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Ugushyingo.2018. Igice cya mbere

Ikarita6: Ugushyingo.2018. Igice cya kabiri

Mu gice cya mbere ndetse n'icya kabiri bya Ugushyingo_2018; amashusho y'icyogajuru yerekana ubutaka buhehereye mu rugero bitewe n'ubwiganze bw'ibicu ndetse n'imvura yagiye igwa muri iyo minsi 20 ishize (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Ugushyingo_2018

21-30_Ugushyingo_2018 hateganijwe iminsi izarangwa n'imvura ndetse ikanakurikirwa n'iminsi y'imicyo mu mpera z'ukwezi ndetse no mu cyumweru cya mbere cy'Ukuboza_2018:

- **Umujyi wa Kigali**: hateganyijwe imvura ishobora kugera ku gipimo cya mm40 muri iyi minsi icumi ya nyuma y'ukwezi kw'Ugushyingo_2018
- **Intara y'Uburasirazuba**: hateganyijwe imvura ishobora kugera ku gipimo cya mm30 muri iyi minsi icumi ya nyuma y'ukwezi kw'Ugushyingo_2018
- **Intara yAmajyepfo**: hateganyijwe imvura ishobora kugera ku gipimo cya mm40 muri iyi minsi icumi ya nyuma y'ukwezi kw'Ugushyingo_2018; ikazaba nyinshi mu burengerazuba bw'iya Ntara ugereranyije n'uburasirazuba bwayo
- **Intara y'Uburengerazuba**: hateganyijwe imvura iri hagati ya mm40 na mm80 muri iyi minsi icumi ya nyuma y'ukwezi kw'Ugushyingo_2018
- **Intara y'Amajyaruguru**: hateganyijwe imvura iri hagati ya mm30 na mm60 muri iyi minsi icumi ya nyuma y'ukwezi kw'Ugushyingo_2018

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe:



Ikarita6: Icyumweru cya mbere

Ikarita7: Icyumweru cya kabiri

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)